ALLAHUMA INI AUDHU BIKA MIN ADHABIL QAB'RI, WA MIN ADHABI NARI, WA MIN FATINATIL MAH'YA WAL MAMATI, WA MIN FITINATIL MASIHI DADJALI: Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde ibihano byo mu mva, n'ibihano by'umuriro, n'ibigeragezo byo mu buzima no mu gupfa, n'ibigeragezo bya Masihi A-Dadjali

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga isaba ubusabe igira iti: "ALLAHUMA INI AUDHU BIKA MIN ADHABIL QAB'RI, WA MIN ADHABI NARI, WA MIN FATINATIL MAH'YA WAL MAMATI, WA MIN FITINATIL MASIHI DADJALI: Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde ibihano byo mu mva, n'ibihano by'umuriro, n'ibigeragezo byo mu buzima no mu gupfa, n'ibigeragezo bya Masihi A-Dadjali." No mu mvugo ya Muslim iragira iti: "Umwe muri mwe najya amara kuvuga ubuhamya bwa nyuma, ajye yikinga kuri Allah amusaba kumurinda ibintu bine: Ibihano by'umuriro, n'ibihano byo mu mva, n'ibigeragezo byo mu buzima no mu gupfa, ndetse n'ikigeragezo cya Masihi A-Dadjali."
[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga isaba Allah ngo ayirinde ibintu bine: Nyuma y'ubuhamya bwa nyuma, na mbere y'indamutso isoza iswalat, anadutegeka kwikinga kuri Alalh ngo aturinde ibi bintu bikurikira: Icya mbere: Ibihano byo mu mva. Icya kabiri: Ibihano by'umuriro ku munsi w'imperuka. Icya gatatu: Ibigeragezo byo mu buzima nk'irari ryo mu isi riziririjwe, n'ibindi biteye urujijo biyobya, ndetse n'ibigeragezo byo mu gupfa igihe umuntu aba avamo roho, akaba yatana inzira y'ubuyisilamu cyangwa se imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), cyangwa se ibigeragezo byo mu mva nk'ibibazo upfuye azabazwa n'abamalayika babiri akimara gupfa. Icya kane: Ni ibigeragezo bya Masihi A-Dadjali uzaza mu bihe bya nyuma, Allah akamugerageresha abagaragu be, hano Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yamuvuze ku buryo bw'umwihariko kubera ubuhambare bw'ibigeragezo bye n'uburyo azaba ayobya abantu.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3103